REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kayonza, kuwa 13/01/2020

No......234..../07.05.04

RECEPTION
MINALOC
Date: 15/01/2020

Kayonza District
Reception Mayor's Office
Date......13/01/2020
Signature......

Eastern Province
For reception
Date 13 JAN 2020
Signature

INTARA Y'IBURASIRAZUBA
AKARERE KA KAYONZA
P.O.BOX 03 RWAMAGANA
kayonzadistrict@minaloc.gov.rw

**Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bwana Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye tariki ya 03/01/2020.

Mugire amahoro.

**MUKAMUYENZI Valentine**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka **KAYONZA**

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka
  **KAYONZA**

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YO KUWA 03/01/2020**

Inama yatangiye saa yine n'iminota mirongo itatu za mu gitondo (10h30), ibera mu cyumba kinini cy'inama cy'Akarere ka Kayonza, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama Njyanama, Madamu **MUKAMUYENZI Valentine**.

- Ubwitabire bwari Abajyanama makumyabiri na bane kuri makumyabiri na batandatu (24/26) bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza, bihwanye na 92,3%.

**Abajyanama batitabiriye inama n'impamvu:**

- Bwana MUTANGANA Eugene: yagize impamvu z'akazi, yabimenyesheje mbere Umuyobozi w'Inama Njyanama kandi nawe yamwemereye uruhushya;
- Madamu MUKANDAYISABYE Magreth yagaragaje impamvu z'uburwayi bw'umwana

**ABANDI BARI BATUMIWE KANDI BITABIRIYE IYI NAMA**

1. Abagize inzego z'Umutekano;
2. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kayonza;
3. Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge igize Akarere ka Kayonza;
4. Abayobozi b'amashami (Unites) mu Karere ka Kayonza;
5. Abagize Biro ya JADF mu Karere ka Kayonza;
6. Abayobozi b'Ibitaro by'Akarere ka Kayonza;
7. Umuyobozi wa Farumasi y'Akarere ka Kayonza.

Inama yatangiye haririrmbwa indirimbo yubahiriza Igihugu, abari mu nama bagezwaho n'Umuyobozi wayo ingingo zari ku butumire bw'inama, maze asaba Abajyanama ko ufite ingingo yihutirwa yifuza ko yaganirwaho yayongeraho, maze Abajyanama bongeraho ingingo zikurikira:

- Kuzuza Abajyanama aho babura muri za Komisiyo
- Gusuzuma gahunda y'ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere

Maze Inama Njyanama yemeza ingingo zikurikira ko arizo ziganirwaho:

1. Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 22/09/2019, inama idasanzwe yo kuwa 20/10/2019 n'iyo kuwa 15/11/2019 no kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yazifatiwemo;
2. Kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ingengo y'imari ivuguruye (Budget Revision), urutonde rw'ibiciro ngenderwaho mu gusoresha mu Karere ka Kayonza n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere 2019/2020 (Budget Excution);
3. Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ya 2019/2020, aho gukemura ibibazo bibangamiye Imibereho Myiza y'Abaturage (Human Security Issues) bigeze;
4. Gusuzumira hamwe raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama na Komite Ngenzuzi;
5. Gusuzuma ibibazo bandikiye Inama Njyanama byanyuze mu ma Komisiyo;
6. Ibindi:
   - Kuzuza Abajyanama aho babura muri za Komisiyo
   - Gusuzuma ubusabe bwa Komite Nyobozi kuri gahunda y'ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere no kuyemeza.

❖ **KWIGA INGINGO KU YINDI**

➢ **INGINGO YA MBERE: Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 22/09/2019, inama idasanzwe yo kuwa 20/10/2019 n'iyo kuwa 15/11/2019 no kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yazifatiwemo**

**UMWANZURO WA 1**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama yasomye inyandikomvugo z'Inama Njyanama ziherutse uko zari eshatu, (isanzwe yo kuwa 22/09/2019, izidasanzwe ebyeri; iyo kuwa 20/10/2019 n'iyo kuwa 15/11/2019), Abajyanama bazikorera ubugorangingo bakosora amakosa y'imyandikire, maze umwanzuro wa 4 wo mu nama isanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 22/09/2019 wavugaga ku bijyanye no kongeza abakozi b'Akarere amafaranga angana n'10% kubari basanzwe barongejwe 20%, urakosorwa; aho Abakozi b'Akarere bakora nk'aba DASSO batari barongejwe



a. ∝

20% bagombaga kongerwaho 30% icyarimwe muri uwo mwanzuro, ariko ntibyari byasobanuwe neza.

Maze Abajyanama bamaze kumvikana ku byakosowe byose bemeza izo nyandikomvugo zose uko ari eshatu ku bwumvikane busesuye.

Ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro y'Inama Njyanama yari imaze kwemezwa, Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage yagejeje ku bari mu nama uko yashyizwe mu bikorwa, abari mu nama banyurwa n'uburyo Komite Nyobozi y'Akarere yashyize mu bikorwa iyo myanzuro, basaba ko itarakozwe ku kigereranyo cy'100% nayo yakwihutishwa.

**UMWANZURO WA 2**

Inama yasabye Komite Nyobozi gukomeza gutegura no gukorana n'urwego rushinzwe gukurikirana imikorere ya DASSO n'uburyo bazamurwa mu Ntera, maze raporo yabyo irambuye ikazashyikirizwa Inama Njyanama binyuze muri Komisiyo y'Imiyoborere Myiza nkuko byari byaraganiriweho mu nama za Komisiyo zabanjirije iyi nama.

- **INGINGO YA KABIRI: Kugezwaho n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ingengo y'imari ivuguruye (Budget Revision), urutonde rw'ibiciro ngenderwaho mu gusoresha mu Karere ka Kayonza n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari y'Akarere 2019/2020 (Budget Execution)**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kayonza yagaragaje mu ncamake ishyirwa mu bikorwa ry'Ingengo y'Imari 2019/2020, urutonde rw'ibiciro by'imisoro n'amaharo byifuzwa kongera ku rutonde rusanzwe (Tariff y'imisoro), n'Ingengo y'Imari 2019/2020 ivuguruye, maze abari mu nama bajya impaka kubyo bari bamaze kugaragarizwa, nyuma yo kunyurwa n'ibisobanuro bahawe, maze bafata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 3**

Inama Njyanama imaze gusuzuma ibikubiye mu Ngengo y'Imari ivuguruye no kubonako yiyongereyeho amafaranga angana na **Miliyari imwe, Miliyoni magana ane na cumi na zirindwi Ibihumbi magana atandatu cumi n'icyenda na magana arindwi mirongo itanu n'abiri (1,417,619,752 frw)** ahwanye na **10%;** Inama Njyanama yemeje ko ingengo y'Imari Ivuguruye y'Akarere ka Kayonza yo mu mwaka wa 2019/2020 izaba ingana na **Miliyari cumi n'eshanu Miliyoni magana cyenda mirongo itandatu n'enye, Ibihumbi magana atatu mirongo itandatu, Magana arindwi na mirongo ine (15,964,360,740 frw)** izemezwa nyuma y'uko byemejwe n'Inteko Nshingamategeko mu ngengo y'Imari y'Igihugu.

**UMWANZURO WA 4**

Inama Njyanama yasabye Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu gusesengura no kuzasuzuma neza urutonde rw'ibiciro bishya by'imisoro n'amahoro byari bimaze kugaragazwa; bishingiye ku mande azacibwa abaturage ku makosa amwe namwe. Maze Komisiyo isabwa mu bushishozi bwayo kuzareba icyo amategeko n'amabwiriza agena imisoro, amahoro n'ibihano ateganya no kureba niba bitazahutaza umuturage. Ibyo bikazashyikirizwa Inama Njyanama itaha kugirango nibiba binoze byemezwe.

Inama Njyanama yongera kandi gusaba Komite Nyobozi ko ibiteganyijwe gusuzumwa no kwemezwa mu nama z'Inama Njyanama byajya bishyikirizwa Komisiyo iri mu nkingi yabyo, bikagibwaho inama cyangwa bigahabwa umurongo mbere y'uko Inama Njyanama iterana.

**UMWANZURO WA 5**

Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi kuzafatanya na Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu gusuzuma urutonde rwa centres z'ubucuruzi zigashyirwa mu byiciro hakurikijwe imiterere n'imikorere yazo.

Hagamijwe gutanga urugero rwiza ku baturage basabwa kuvugurura amazu yabo no kunoza isuku y'aho batuye cyangwa bakorera, iyi Komisiyo y'Ubukungu kandi yasabwe n'Inama Njyanama kuzongera igakurikirana uko amazu n'indi mitungo y'Akarere biri hirya no hino bifashwe, hifashishijwe inama zagiye zitangwa kuriyo mitungo, harebwa uko zashyizwe mu bikorwa

cyangwa imbogamizi yaba yaratumye bidakorwa, maze Inama Njyanama itaha ikazahabwa raporo kuriyo mitungo.

- **INGINGO YA GATATU: Kugezwaho ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere ya 2019/2020, aho gukemura ibibazo bibangamiye Imibereho Myiza y'Abaturage (Human Security Issues) bigeze**

Umuyobozi w'Akarere yagaragarije Inama Njyanama ko igipimo cy'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere 2019/2020 kigeze kuri 79% by'igihembwe na 48% ku mwaka wose. Aho Imihigo yo mw'ishami ry'Iterambere ry'Ubukungu igeze bikorwa ku gipimo cya 88%, iyo mu ishami ry'Iterambere ry'Imibereho Myiza ikaba igeze kuri 78% n'aho iyo mu ishami ry'Imiyoborere Myiza n'ubutabera ikaba igeze ku gipimo cya 69%.

Abari mu nama bunguranye ibitekerzo kubyo bari bamaze kugezwaho n'Umuyobozi w'Akarere, no kureba ingamba zihari, maze mu rwego rwo kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo cyane cyane ikiri hasi, Inama Njyanama ijya inama zikurikira:

- Komisiyo zigize Inama Njyanama mu nama za buri kwezi gukomeza gusuzuma, kujya inama, gukurikirana no gusura imihigo iri mu nkingi zabo, aho umuhigo ukiri hasi hagashyirwaho ingamba (strategies) zo kubyihutisha;
- Gahunda y'Umujyanama mu Murenge we, ishyirwemo imbaraga zidasanzwe, Umujyanama arusheho kwegera abakozi b'umurenge no kwitabira inteko z'abaturage n'umuganda mu murenge we maze agire uruhare mu mihigo ikeneye ubukangurambaga kandi abitangire raporo ku Nama Njyanama.
- Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi ko abakozi b'Akarere bagaragaraho kugira uruhare mu idindira ry'imihigo, abadatanga raporo ku mihigo cyangwa n'izo arizo zose zisabwa kandi biri mu nshingano zabo, ko bajya babibazwa nk'uko byemejwe mu nama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 20/10/2019 mu mwanzuro wayo wa 4 kandi bikazashingirwaho mu isuzuma rikorerwa abakozi buri mwaka ( Performance evaluation).
- Inama Njyanama yibukije itsinda rikurikirana imihigo rihuriweho n'Abajyanama n'Abafatanyabikorwa nk'uko byateganyijwe mu umwanzuro wa 1 w'Inama idasanzwe y'Inama Njyanama yo kuwa 20/10/2019, gukora no gukurikirana imihigo mu buryo



q a

budasanzwe ahari ibibazo bikaganirwaho hibandwa ku kwihutisha Imihigo isubiza ibibazo bibangamiye Imibereho Myiza y'Abaturage.

**UMWANZURO WA 6**

Inama Njyanama yemeje ko gahunda yo gusura imihigo yari iteganyijwe mu kwezi k'ukuboza 2019 igasubikwa kubera inama n'indi mirimo byari byateganyijwe n'izindi nzego yimurirwa mu cyumweru cy'Umujyanama giteganyijwe mu kwezi kwa Mutarama 2020, icyo cyumweru kikazasozwa hakorwa umwiherero w'Abayobozi b'Akarere ka Kayonza n'Abafatanyabikorwa, maze Inama Njyanama isaba Komite Nyobozi gutegura icyo gikorwa, gahunda y'ibikorwa n'amatariki bizaberaho ikazamenyeshwa Abajyanama, Abafatanyabikorwa n'abandi batumirwa hakiri kare.

- **INGINGO YA KANE: Gusuzumira hamwe raporo za Komisiyo z'Inama Njyanama na Komite Ngenzuzi**

Nyuma yo kugezwaho n'Umuyobozi wa Komisiyo y'Imiyoborere Myiza n'Ubutabera incamake y'ibyo baganiriyeho mu nama iyo Komisiyo yakoze. Inama yashimiye iyo Komisiyo uruhare igira mu kujya inama no mu gukemura ibibazo by'abaturage n'uburyo iyi Komisiyo yitabira inteko z'abaturage.

Umunyamabanga wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza yagejeje ku bari mu nama bimwe mu byo baganiriyeho mu nama iyo Komisiyo yakoze, ariko abwira abari mu nama ko nta myanzuro iyo Komisiyo yifuza ko yafatwaho umwanzuro muri iyi nama, nabo bashimirwa akazi keza bakoze.

Inama Njyanama imaze kugezwaho n'Umunyamabanga wa Komite Ngenzuzi y'Inama Njyanama (Audit Committee), yakoze n'umwiherero kuva kuwa 21-22/12/2019 wari ugamije gusesengura no gufata ingamba kuri bimwe mu bibazo byagaragaye mu bigo by'amashuri n'ibigo nderabuzima byo mu Karere ka Kayonza byagaragayeho gukoresha nabi umutungo wa Leta (amafaranga, ibikoresho, amata cyangwa ifu) biba byaragenwe muri gahunda za Leta zigamije kuzamura

imibereho myiza y'abaturage nk'uko byagaragajwe muri raporo y'ubugenzuzi bwakorewe muri ibyo bigo;

Iyo Komite kandi igaragaza n'impungenge zikomeye iterwa nuko abagiye bagaragaraho amakosa y'imikoreshereze mibi y'umutungo wa Leta muri gahunda igenera kuzamura imibereho myiza y'abaturage byagaragajwe mbere ntibikurikiranwe kandi n'Inama Njyanama yarabitanzeho umurongo;

Hatangwa ingero z'imikorere mibi yagaragaye mu gukurikirana Abagenerwabikorwa ba VUP-Minimum Package mu Murenge wa Kabare bahabwaga ihene zitujuje ibyangombwa kandi mu buryo butanoze n'ibibazo byagaragaye mu bitaro bya Gahini harimo n'ikibazo cy'umukozi w'Ibitaro ku mwanya wa IT witwa NSHIMIYIMANA Emmanuel wari ufite isoko rya maintenance mu bitaro no mu bigo nderebuzima biri muriyo zone, binyuze muri company ye yitwa BINFOTECH LTD; Inama Njyanama igasaba ko adahabwa amafaranga menshi icyo gihe yishyuzaga Ibitaro ariko akanahagarikwa kuriyo mirimpo yo kuba Rwiyemezamirimo ndetse agashyikirizwa inzego z'Umutekano zikamukurikirana, kugeza ubu bikaba bitarakozwe; ahubwo akaba akomeje gukora iyo mirimo ya Maintenance nka Rwiyemezamirimo mu bigo Nderabuzima byo muri zone y'ibyo bitaro bya Gahini kandi nk'umukozi ushinzwe IT muri ibyo bitaro;

Inama Njyanama nyuma yo kumva iyo raporo ya Komite Ngenzuzi yakozwe ku bufatanye n'Abagenzuzi b'Akarere (Internal Auditors) no kubaza icyakozwe n'Inama y'Ubutegetsi (Board ) y'ibyo bitaro bya Gahini nkuko yari yabisabwe, nyuma yo kumva kandi n'ibisobanuro by'Umuyobozi w'Ibataro bya Gahini nawe wari muri iyi nama, bombi bahurizaga kuba barakoze ubusesenguzi kuricyo kibazo cy'umukozi w'umu IT witwa NSHIMIYIMNA Emmanuel akaba na Rwiyemezamirimo muri company yitwa BINFOTECH LTD kandi bagasanga ari ukuri, ndetse ko hari n'ibyifuzo bashyikirije Akarere bakaba bagitegereje feeback; maze Inama Njyanam ifata umwanzuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 7**

Mu rwego rwo guca umuco wo kudahana, Inama Njyanama yifuje ko umukozi witwa NSHIMIYIMANA Emmanuel ashyikirizwa urwego rwa RIB agakurikiranwa ndetse n'abazagaragaraho kugira uruhare mu mitangire y'iryo soko bakazakurikiranwa. Inama Njyanama isaba Komite Nyobozi ko yamenyesha urwego rwa RIB iby'uwo mukozi inama igisoza.

**UMWANZURO WA 8**

Inama Njyanama imaze kugaragarizwa ko mu mafaranga angana na **Miliyoni mirongo inani n'esheshatu, ibihumbi magana atatu mirongo itandatu na bine na magana atandatu mirongo itanu na tanu ( 86,364,655 frw )** yanyerejwe hamaze kugaruzwa angana na **Miliyoni mirongo irindwi n'enye, ibihumbi ijana na mirongo inani na bine, Magana atandatu mirongo ine (74,184,640 frw)** asubizwa mu isanduku ya Leta (Trésor Public), asigaye kugaruzwa akaba angana na **Miliyoni cumi n'ebyeri, Ibihumbi ijana na mirongo inani n'amafaranga cumi n'atanu (12,180,015 frw)** nayo abagomba kuyishyura bakaba baremeye kuyishyura bitarenze mu kwezi kwa 6/2020. Inama Njyanama ishyigikira umwanzuro wo kugaruza ayo mafaranga yose ariko inabona ko ibyo kwishyura gusa bidahagije, Inama Njyanama isaba Komite Nyobozi n'urwego rushinzwe abakozi mu bigo byavuzwe haruguru bagize uruhare muriyo mikoreshereze mibi y'umutugo wa Leta ko bazakurikiranwa kandi bagahindurirwa inshingano kugirango hirindwe ko basubira mu makosa nkayo.

Inama isaba Komite Ngenzuzi (Audit Committee) kuzakomeza ubugenzuzi no mu bindi bigo bitagenzuwe, inasaba iyo Komite raporo irambuye n'imyanzuro yavuye mubyo bagenzuye byose mu nama y'Abaperezida yo muri Mutarama ikazasuzumwa.

Inama Njyanama yasabye Ubuyobozi bw'Akarere na Board y'Ibitaro bya Rwinkwavu kuzakurikirana ikibazo cy'umwenda munini Ibitaro bya Rwinkwavu bifite ubu, maze mu rwego rwo kugabanya bimwe mu bihombo byo mu bitaro by'Akarere biterwa n'abarwayi bahabwa serivise ariko mu gutaha ntibishyure kubera ko nta bwishingizi bafite kandi baje barembye, inama isaba ko buri wese bireba yakomeza ubukangurambaga abaturage bose bakishyura mituweri, ariko ubuyobozi bw'Akarere bukazafasha n'ibitaro gukurikirana uwagiye atishyuye akishyuzwa, maze kugirango icyuho gihari kigabanuke Inama Njyanama yasabye ko harebwa ibyagabanuka ku mikoreshereze y'amafaranga y'Ibitaro no gufata neza ibyo bafite ariko inasaba na Komite Nyobozi kuzagisha inama Minisiteri y'Ubuzima ku cyakorwa ngo umwenda Ibitaro bifite ugabanuke bityo n'imikorere yabyo irusheho kunoga.

Inama Njyanama imaze kugezwaho n'Umunyamabanga wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu incamake y'ibyo baganiriye mu nama zayo, abari mu nama babyunguranyeho ibitekerezo hafatwa umwazuro ukurikira:

**UMWANZURO WA 9**

Abakozi b'Akarere bari mu ishami ry'ubutaka, bifashishije amategeko agenga ubutaka, basabwe gusuzuma neza ikibazo cy'umuturage witwa MUKAKARANGWA Pascasie uhagarariwe na HABIYAKARE Francois, uvuga ko yasoreshejwe mbere y'uko icyangombwa cy'ubutaka gisohoka, Inama isaba Abakozi b'Akarere bashinzwe imikoreshereze y'Ubutaka kuzasuzuma icyo itegeko riteganya bikazashyikirizwa Inama y'Abaperezida itaha umuturage agasubizwa ku busabe bwe kimwe n'abandi bagaragara ko bafite ikibazo nk'icye.

Naho ku bijyanye n'ikibazo MUKAKARANGWA Pascasie yagejeje ku Nama Njyanama cy'uko amafaranga yishyuye yari menshi ugereraranyije nayo yasabwaga kwishyura; Komisiyo y'Ubukungu ikaba yarabonye ko ubusabe bw'uwo muturage bwo gusubizwa amafaranga yarengeje ku musoro angana n'ibihumbi umunani magana cyenda na mirongo inani (8,980 frw) bufite ishingiro, Inama Nyanama isaba kandi abakozi b'Akarere bashinzwe imisoro kuzamenyesha RRA ko uyu muturage yarengeje amafaranga yagombaga gusora mu mwaka wa 2017 maze bakamusabira ko ayo yarengejeho yazaherwaho yishyurira umusoro wa 2018.

**UMWANZURO WA 10**

Inama Njyanama yemeje ko urutonde rw'abafite ubutaka bumaze igihe kirekire budakoreshwa icyo bwagenewe, buherereye mu mujyi wa Kayonza rwazanozwa rugashyikiriwa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu byigweho, maze nayo izarugeze mu Nama y'Abaperezida y'ubutaha kugirango ruzaganirweho hanafatwe umwanzuro wazagezwa mu Nama Njyanama y'ubutaha (igihembwe cya 3).

- **INGINGO YA GATANU: Gusuzuma ibibazo bandikiye Inama Njyanama byanyuze mu ma Komisiyo**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere yagejeje ku bari mu nama zimwe mu nyandiko zandikiwe Inama Njyanama cyangwa izo Inama Njyanama yahaweho kopi, maze Inama Njyanama ifata imyanzuro ikurkira:

- Inama Njyanama yemeje ko ubutaka buri mu kibanza gifite N° 234 bungana na 7,094 SQM buherereye mu murenge wa Nyamirama bwari bwarasabwe na Partners in Hearth kugirango bwubakweho ikigo cy'Abakobwa, busubizwa mu maboko ya Leta. Ubwo

butaka Partners in health yari yahawe n'Akerere ka Kayonza mu mwanzuro w'Inama Njyanam yo kuwa 30/09/2016 maze nyuma yo kubona ko bumaze igihe kingana n'imyaka itatu (3) butarakoreshejwe icyo bwasabiwe, Partners in Health yasabwe kubusubiza, maze mu ibaruwa yabo yo kuwa 13/11/2019 Partners in Health isubiza ubutaka yari yarahawe. Ubwo butaka bukazakoreshwa ikindi cyazasuzumwa neza n'Ubuyobozi bw'Akarere bukabishyikiriza Inama Njyanama.

- Inama yanzuye ko izakomeza gusuzuma no gukurikirana ibabazo by'abaturage buri gihe yateranye iyo ngingo ntiburemo, kandi mu gihe ibyo basabye bitarakemurwa abaturage bakamenyeshwa aho bigeze.

➢ **INGINGO YA GATANDATU: Ibindi**

- Kuzuza Abajyanama aho babura muri za Komisiyo
- Gusuzuma ubusabe bwa Komite Nyobozi kuri gahunda y'ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi y'Akarere no kuyemeza.

**UMWANZURO WA 11**

Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yatoye Umujyanama MUTANGANA Eugene kuba Umuyobozi w'iyo Komisiyo asimbura Bwana ZIGIRA Alphonse watorewe kuba Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama.

Inama Njyanama kandi yasabye Umujyanama mushya Bwana UDAHEMUKA Jean de Dieu kujya gufasha muri Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza cyane ko afite ubunararibonye muriyo domaine.

Kimwe n'abandi Bajyanama bifuza guhindura Komisiyo cyangwa abo Biro y'Inama Njyanama ibona ko barushaho gufasha bahinduye Komisiyo, Inama ya Biro izabisuzuma mu nama yayo yo mu kwezi kwa Mutarama 2020 maze abo bireba bazabimenyeshwe.

Inama Njyanama yemeje ko Vice Perezida w'Inama Njyanama Bwana ZIGIRA Alphonse ahagararira Inama Njyanama mu Nama y'Ubuyobozi (Board) y'Ibitaro by'Akarere bya Rwinkwavu akayibera n'Umuyobozi.

**UMWANZURO WA 12**

Inama Njyanama yasuzumye ubusabe bwa Komite Nyobozi maze yemeza gahunda yabo y'ikiruhuko ku buryo bukurikira:

| AMAZINA YOMBI | ICYO ASHINZWE | AMATARIKI Y'IKIRUHUKO | ICYONGERWAHO |
|---|---|---|---|
| Bwana MURENZI Jean Claude | Umuyobozi w'Akarere | Guhera tariki 10/01/2020 kugeza tariki 09/02/2020 | Iminsi 15 ya 2019 indi 15 igice cya konje ya 2020 |
| Bwana HARELIMANA Jean Damascène | Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage | Guhera tariki 15/02/2020 kugeza tariki 14/03/2020 | Umwaka wa 2020 |
| Madamu MUNGANYINKA Hope | Umuyobozi w'Akarere Wungirije ushinzwe Ubukungu | Guhera tariki 13/11/2019 kugeza tariki 14/12/2019 | Iyi konge yafashwe mbere kubera impamvu z'uburwayi bw'umunyamuryango we |

Iyi gahunda uko iteguye bishobora guhinduka kubatarayifata bitewe n'akazi gahari gashobora kuza bitunguranye kandi kihutirwa, Inama isaba ko byazamenyeshwa Biro y'Inama Njyanama.

Inama yasoje imirimo saa kumi n'imwe n'iminota mirongo ine (17h40), Umuyobozi wayo ashimira abitabiriye bose n'ibitekerezo byubaka Akarere byatanzwe, asoza yifuriza abari mu nama bose kuzagira umwaka w'ibyishimo wa 2020 n'intsinzi mu mihigo.

**MUSABYEMARIYA Thérèse**

**Umwanditsi w'inama**

**MUKAMUYENZI Valentine**

**Umuyobozi w'inama**

URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA KAYONZA BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KU WA 03/12/2020

| N0 | AMAZINA | UMURENGE YATOREWEMO | AHO ATUYE | ISAHA | GENDER | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | GACINYA Faustin | MURAMA | KIGALI | 9h00 | ♂ | [signature] |
| 2 | GAKUMBA Geoffrey | RWINKWAVU | KIGALI | 9h00' | M | [signature] |
| 3 | GAKUMBA Robert | RWINKWAVU | KIGALI | 9h00' | M | [signature] |
| 4 | HAGENIMANA Emmanuel | RWINKWAVU | KIREHE | 9h00' | M, | [signature] |
| 5 | HARERIMANA J Damascene | MWILI | MUKARANGE | 9h00' | M | [signature] |
| 6 | IRADUKUNDA Eugenie | MURUNDI | RUHANGO | 9h00' | F | [signature] |
| 7 | KANAMUGIRE Pascal | RUKARA | RUKARA | 9h00 | M | [signature] |
| 8 | KARAMA Joseph | KABARE | KABARE | 9h00 | M | [signature] |
| 9 | KAYITANA Fred | MURUNDI | BUGESERA | 9h00 | ♂ | [signature] |
| 10 | MUKAKABANO Evelyne | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | F | [signature] |
| 11 | MUKAMUSONERA Dative | MUKARANGE | MUKARANGE | 9h00 | F | [signature] |
| 12 | MUKAMUSONI Angelique | GAHINI | GAHINI | 9h00 | F | [signature] |
| 13 | MUKAMUYENZI Valentine | NYAMIRAMA | MUKARANGE | 9h00 | F | [signature] |
| 14 | MUKANDAYISABYE Magreth | NDEGO | KIGALI | | | |
| 15 | MUKARUSAGARA Beata | RUKARA | RUKARA | 9h00 | F | [signature] |
| 16 | MUNGANYINKA Hope | KABARONDO | MUKARANGE | 9h00 | F | [signature] |
| 17 | MURENZI Jean Claude | GAHINI | MUKARANGE | 9:00 | M | [signature] |
| 18 | MUSABYEMARIYA Therese | RURAMIRA | KABARONDO | 9h00' | F | [signature] |
| 19 | MUSABYIMANA Anathalie | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | F | [signature] |
| 20 | MUTANGANA Eugene | NDEGO | KIGALI | | | |
| 21 | MWISENEZA Jean Claude | NYAMIRAMA | KIGALI | 9h00 | M | [signature] |
| 22 | MWISENEZA Safina | KABARE | KABARE | 9h00 | F | [signature] |
| 23 | NYANDWI Gilbert | RURAMIRA | GAHINI | 9h00 | M | [signature] |
| 24 | RUGIGANA Jean Bosco | KABARONDO | KABARONDO | 9h00 | M | [signature] |
| 25 | UDAHEMUKA Jean de Dieu | MUKARANGE | KIGALI | 9h00 | M | [signature] |
| 26 | ZIGIRA Alphonse | MURUNDI | KIGALI | 9h00 | M | [signature] |